



# Daisy itangaje

Nozizwe Herero


Siya Masuku

Kinyarwanda




Kera k’umurima muto hafi y’umudugudu muto,


Habaho inkoko nto yitwa Daisy.




“Ninkura, ndashaka kuguruka hejuru, hejuru mu kirere," Daisy aravuga.




Ariko izindi nkoko zose ziramusekaga.




Zati: "Uratangaje cyane."
"Ntabwo tuzongera gukina nawe."



Mama aramubwira ati: "Daisy, twese dushobora gukubita amababa ariko biragoye cyane ko inkoko ziguruka."






Daisy ntiyarambirwa. Buri munsi yakoraga imyitozo wenyine, akubita amababa. Gukubita, gukubita, gukubita, gukubita amababa ariko ntashobora kuzamuka hasi.




Mugihe yakoraga imyitozo, yatekerezaga kuguruka hejuru mu kirere hanyuma akareba inkoko hasi. Yatekerezaga ko yaguruka hejuru kurenza ibishwi akarenga ibimira. "Wow!" Inyoni zavuga. "Inkoko ishobora kuguruka!"




Agakubita rero, agakubita, agakubita, buri munsi Daisy  yakubitaga amababa.




Yaterura hasi ariko akongera akagwa.




"Sinzigera nguruka!" Daisy yaririye Mama. "Abandi bafite uburenganzira."




"Daisy, utandukanye n'izindi nkoko. Ntizishaka kuguruka ariko urabikora! Ushobora kubikora." Mama aravuga.



Bukeye bwaho, Daisy yurira hejuru y’ikiraro k’inkoko yikubita hasi, kubita, kubita, kubita amababa. Yagurutse mu kirere akubita amababa kandi akubita amababa kandi akubita amababa na ...



BAM!



Izindi nkoko ziraseka cyane. "Ha ha ha! Twababwiye! Inkoko ntishobora kuguruka!"



Ariko bukeye bwaho Daisy yuriye hejuru cyane, ajya ku agasongero k’igisenge. Kubita,  kubita, kubita, Daisy  yakubise amababa.



Yagurutse mu kirere
akubita amababa kandi
akubita amababa kandi
akubita amababa na ...



Yakomeje kuguruka! Umuyaga munsi y’amababa ye yarushijeho gukomera araguruka cyane, hejuru cyane! Ibishwi n'ibirima biti: "Biratangaje! Inkoko raguruka!"



Nuko izindi nkoko zishaka kumera nka yo.



Ziravuga: "Oh Daisy, uratangaje!"

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

Daisy itangaje

Umwanditsi -- Nozizwe Herero
Icyitegererezo -- Siya Masuku
Ubuhinduzi – Francine Muhawenimana
Ururimi -- Ikinyarwanda
Urwego -- Paragarafu ya mbere

© Nozizwe Herero, Siya Masuku, Leona Ingram, Book Dash 2015
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
Inkomoko www.africanstorybook.org
Inkomoko yumwimerere www.bookdash.org

2023.09.20